

19 Werurwe 2020

Miryango murerera muri JCPS,

Turabizi ko ibi byumweru bibiri byababereye ibidasanzwe, mwe abana banyu ndetse n’umuryango wose wa JCPS. Twabasezeranyije ko tuzakomeza kubamenyesha amakuru mu gihe amashuri ya JCPS afunze kandi twese duhangana n’icyorezo cya COVID-19. Dore amakuru aheruka:

- Ikigo cy’uburezi mu Ntara ya Jefferson cyakoze inama idasanzwe kuwa kane nijoro. Mushobora kuyireba [hano](#). Ingingo y’ingenzi iri kuri gahunda ni ukwemeza gahunda y’Akarere yo gutanga amasomo mu buryo butamenyerewe (NTI). **Niba** JCPS yemeje kandi igahitamo gukoresha gahunda yayo ya NTI, umwana wanyu azakurikira amasomo y’iya kure kuri interineti. Muzabona ubutumwa bwinshi mu byumweru bibiri bitaha, tubasobanurira uko bizakorwa.
- Benshi muri mwe badusabye kubafasha kwinjira muri Digital Backpack y’abana babo kuri mudasobwa zo mu rugo cyangwa telefoni ngendanwa. Hano hari [videwo](#) ibereka uburyo mwabikora. Mugomba gukoresha Google Chrome mu kubishakisha. Niba mukomeje kugira ikibazo cyo kubigeraho, mushobora [kuvugana](#) n’inzobere mu ikoranabuhanga ya JCPS ikabafasha.
- Ibibaho byo guhitamo bya JCPS bifite imikoro yigisha n’imyitoto y’umugereka kuri buri rwego bishobora kuboneka [hano](#). Turimo kubona no kumva amakuru menshi meza y’uburyo mwe n’abana banyu mubikoresha kugira ngo bakomeze bige buri muni.
- Byagenze neza cyane ahantu dutangira ibiryo bikeneye byihutirwa. Turi gutanga amafunguro ya mu gitondo n’aya saa sita arenze 12,000 ku buntu, ku bana b’imyaka 18 gusubiza hasi, nta bibazo byabajijwe, buri muni w’umubyizi 10h00-13h00. Uru ni urutonde [rw’ahantu 58 dutangira ibiryo](#) n’ [ikarita](#) y’aho bitangirwa hose mu Ntara ya Jefferson.
- Abajyanama ba JCPS batanze [inama nyinshi](#) zo gufasha imiryango kurwanya n’imihangayiko yo kuba mu rugo hafi umunsi wose.
- Inyubako zose za JCPS nka VanHoose Education Building na Lam Building zirafunze nta bantu bazigeramo. Ibi bizagira ingaruka ku babyezi n’abarezi bagerageza kwandikisha abana babo bahabereye. Mushobora kwiyandikisha kuri interineti [hano](#). Ibibazo? Mwahamagara 313-HELP, kuwa mbere kugeza kuwa gatanu, 7h30-17h00.

Tuzakomeza kubamenyesha uko ibintu bigenda bitera imbere muri ibi bihe bidasanzwe. Murakoze kwizera no gashinga umwana wanyu abarimu, abayobozi n’abakozi bitanga ba JCPS.